REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ibiro bya Minisitiri w'Intebe

Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango

# POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBURINGANIRE

Nyakanga 2010



"Ku birebana no kongerera ubushobozi abagore no kubashishikariza kugira uruhare mu buzima bwa politiki, imibereho myiza n'ubukungu by'igihugu; twakomeje gutera intambwe igana imbere. Twemera ko, usibye no kwimakaza ihame ry'uburinganire mu gihugu cyacu, iyi ari n'imbarutso y'iterambere rituganisha ku kugera ku cyerekezo cyacu cyo kubaka u Rwanda rwa bose, rutekanye kandi rurangwa na demukarasi".

**Perezida wa Repubulika y'u Rwanda**
**Mu Nteko Rusange ya 63 y'Umuryango w'Abibumbye**
**New York, ku wa 23 Nzeri 2008**

## IBIRIMO

**IMPINAMAGAMBO .......... 5**

**I. IRIBURIRO .......... 6**

1.1. Politiki y'igihugu y'uburinganire ni iki? .......... 6

1.2. Amavu n'amavuko .......... 7

II. Icyerekezo rusange .......... 13

2.1. Itegeko nshinga .......... 13

2.2 Icyerekezo 2020 .......... 14

2.3. Gahunda mbaturabukungu (EDPRS) .......... 14

2.4. Politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi .......... 14

2.5. Gahunda y'ishoramari rirambye .......... 15

2.6. Gahunda za Guverinoma .......... 15

2.7. Intego z'iterambere ku rwego mpuzamahanga .......... 15

III. POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBURINGANIRE ICYO ARI CYO .......... 16

3.1. Imiterere y'ikibazo .......... 16

3.2. Amahirwe n'inzitizi .......... 18

3.3. Amahame remezo .......... 21

3.4. Icyerekezo cya politiki y'igihugu y'uburinganire .......... 21

3.5. Intego ya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire .......... 22

3.6. Ikigamijwe kugerwaho na Politiki y'Igihugu y'Uburinganire .......... 22

3.7. Ingamba zo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Uburinganire .......... 22

IV. GAHUNDA YO GUSHYIRA MU BIKORWA POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBURINGANIRE .......... 25

4.2. UBUKUNGU BUSHINGIYE KU GUHANGA IMIRIMO, ITERAMBERE N'AMASOKO .......... 26

4.3. UBUZIMA N'IMYIYONGERE Y'ABATURAGE .......... 27

4.4. UBUREZI N'AMASHURI Y'IMYUGA ................................................ 27
4.5. IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA ............................................ 28
4.6. Kubungabunga ibidukikije no gufata neza ubutaka ............................ 29
4.7. Kongerera ubushobozi abatishoboye ............................................... 29
4.8. Urwego rw'abikorera ......................................................................... 30
4.9. Amazi n'isuku ................................................................................... 30
4.10. Ibikorwa remezo ............................................................................. 31
V. INZEGO ZISHINZWE GUSHYIRA POLITIKI MU BIKORWA ................. 32
5.1. Abafatanyabikorwa b'ibanze ............................................................ 32
5.2. Igenzura n'isuzuma (M&E) ............................................................... 37
5.3 Gushakisha inkunga .......................................................................... 38
IBITABO BYIFASHISHIJWE ................................................................... 39

## IMPINAMAGAMBO

| | | |
|---|---|---|
| 1 | AFER | Ihuriro ry'abagore bikorera bo mu Rwanda |
| 2 | CBOs | Amashyirahamwe akorera abaturage abaturage |
| 3 | CEDAW | Amasezerano mpuzamahanga agamije guca ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore |
| 4 | CEPEX | Ikigo cy'igihugu gishinzwe ishoramari imbere no hanze y'igihugu |
| 5 | COMESA | Isoko rusange rihuza ibihugu byo muri Afurika y'uburasirazuba n'iy'amajyepfo |
| 6 | DHS | Ubushakashatsi ku buzima n'imyiyongerere y'abaturage |
| 7 | EAC | Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba |
| 8 | EDPRS | Gahunda y'igihugu mbaturabukungu |
| 9 | EDSR | Ubushakashatsi ku buzima n'ubwiyongere bw'abaturage mu Rwanda |
| 10 | FBOs | Imiryango ishingiye ku madini |
| 11 | FFRP | Ihuriro ry'abanyarwandakazi bagize inteko ishinga amategeko |
| 12 | HIMO | Imirimo yihuse ya ba nyakabyizi |
| 13 | HIV/AIDS | Agakoko gatera SIDA |
| 14 | ICPD | Inama mpuzamahanga ku mibereho y'abaturage n'iterambere |
| 15 | ICT | Ikoranabuhanga |

| | | |
|---|---|---|
| 16 | LTIF | Gahunda y'ishoramari rirambye |
| 17 | MDGs | Intego z'ikinyagihumbi mu iterambere |
| 18 | MIGEPROF | Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango |
| 19 | MINALOC | Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu n'imiyoborere myiza |
| 20 | MINECOFIN | Minisiteri y'imari n'igenamigambi |
| 21 | NEPAD | Ubufatanye bushya bw'ibihugu by'Afurika mu iterambere |
| 22 | NGOs | Imiryango itagamiye kuri Leta |
| 23 | PRSP | Inyandikombonera za gahunda yo kurwanya ubukene |
| 24 | STDs | Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina |
| 25 | TSC | Akanama ngishwanama mu bya tekiniki |
| 26 | VUP | Icyerekezo 2020, gahunda z'umurenge |

# I. IRIBURIRO

### *1.1. Politiki y'igihugu y'uburinganire ni iki?*

Politiki y'igihugu y'uburinganire yerekana amabwiriza y'ingenzi ashingirwaho n'inzego zitandukanye mu kuyinjiza mu igenamigambi na gahunda zazo zitandukanye nko mu mibereho y'abaturage, umuco, ubukungu na politiki. Ishyirwa mu bikorwa rya politiki runaka, risaba ubwuzuzanye hagati y'abafatanyabikorwa banyuranye, inzego zifata ibyemezo, abikorera ku giti cyabo n'abaturage bose muri rusange.

Iyi nyandiko ya politiki y'igihugu y'uburinganire, nubwo ireba inzego zitandukanye muri rusange, ntibisobanuye ko ari ntavuguruzwa. Ahubwo yerekana amahame shingiro izo nzego zigenderaho ziyinjiza muri politiki, ibikorwa na gahunda zazo.

Isuzumabikorwa ryigenga ry'Inyandikombonera ya mbere ya gahunda yo kurwanya ubukene ryerekanye ko mu gutegura igenamigambi, ihame ry'uburinganire wasangaga ari ryo ryitaweho kurusha izindi gahunda. Nyamara nyuma y'iyemezwa rya gahunda n'ingengo y'imari, ugasanga iri hame ry'uburinganire ryagenewe amafaranga make atajyanye n'ibikorwa biteganywa. Zimwe mu mpamvu zibitera akaba ari ubumenyi budahagije mu igenamigambi, ubuvugizi budahagije, amikoro make, ibarurishamibare n'amasuzumabikorwa bidahuye n'ukuri, guhuzagurika mu igenamigambi bikorwa n'abavugizi ndetse n'abayobozi bashinzwe kwinjiza uburinganire muri za gahunda y'iterambere.

Ni byiza ko abantu bumva ko politiki y'uburinganire niyinjizwa ku buryo budasubizwaho nuri gahunda mbaturabukungu, bizatuma itaburiramo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ku rwego rw'Umurenge ubu rwegerejwe abaturage mu cyerekezo 2020. Kwinjiza politiki y'uburinganire muri gahunda mbaturabukungu, bisaba ihuzabikorwa no kongera ubushobozi mu bya tekiniki mu isesengura, isuzuma n'ishyirwa mu bikorwa bya za gahunda ku nzego zose.

Birashoboka ko politiki y'ihame ry'uburinganire izatanga umusaruro kuko Guverinoma y'u Rwanda ibuha agaciro gakomeye nk'imwe mu nkingi z'iterambere rirambye bukaba na rimwe mu mahame remezo itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 rishingiyeho.

Uku guha agaciro uburinganire mu iterambere ry'igihugu, bishyigikiwe na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame wabishimangiye agira ati: "uburinganire si ikibazo kireba abakobwa n'abagore gusa, ahubwo ni inshingano ya buri wese kuko uburinganire no kwongerera ubushobozi abagore ari umusingi wo kurwanya ubukene no kwiteza imbere birambye". Kugira ngo ibyo bigerweho, mu 2004, Guverinoma y'u Rwanda ikaba yarashyizeho politiki y'igihugu y'uburinganire.

Kuva icyo gihe, byabaye ngombwa ko habaho impinduka ugereranyije nuko politiki yari isanzweho yari iteye. Ibi bigaragazwa nuko iyi politiki ikimara kwemezwa, Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango (MIGEPROF) yahawe uruhare rukomeye mu kugena no gushyiraho za gahunda, maze politiki y'igihugu y'uburinganire iva mu magambo ijya mu bikorwa.

Uruhare rwa MIGEPROF ni urwo gushyiraho politiki no guhuza ibikorwa mu kuyishyira mu bikorwa. Ahasigaye noneho, politiki y'igihugu y'uburinganire ikaba ijyana na gahunda y'ivugurura ry'inzego z'ibanze, aho kuyishyira mu bikorwa biva ku midugudu n'Utugari kugera ku murenge.

Uruhare rw'abagabo mu kugaragaza ikibazo cy'ubusumbane bushingiye ku gitsina, ntabwo byari bisobanutse neza muri politiki ya mbere y'uburinganire, akaba ari n'imwe mu mpamvu zashingiweho kugira ngo ivugururwe. Na none, nta hantu na hamwe hagaragaraga abikorera ku giti cyabo kandi ari bo iterambere ry'igihugu rishingiyeho. Nubwo hari n'ibindi byinshi, izi akaba ari ingingo z'ingenzi ziranga politiki nshya y'igihugu y'uburinganire.

## *1.2. Amavu n'amavuko*

### 1.2.1. Imiterere y'ikibazo

#### 1.2.1.1. Imiterere y'ikibazo mu rwego rw'umuco n'imibereho y'abaturage

Umuryango nyarwanda warangwaga no kubakira ku muryango w'umugabo, nabyo bigakurura ubusumbane hagati yabo n'abagore ndetse no hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa. Ibi byashyize hejuru abagabo, bipyinagaza abagore. Ubusumbane bushingiye ku gitsina, ntibwigeze bufatwa nk'akarengane, ahubwo bwahawe intebe bufatwa nko kubahiriza umuco bisanzwe.

Ku gihe cya gikoloni, ubu busumbane bwarashimangiwe. Urugero ni nk'igihe imibereho y'abaturage yavaga ku mutungo w'ibintu igashingira ku mafaranga, akazi gatanga umushahara n'amashuri. Abagore barahejwe ugereranyije na basaza babo. By'umwihariko, iyi mibereho mishya, yabashubije inyuma mu kugira uburenganzira ku mutungo no kuwucunga, byatumye batanagira uruhare rugaragara mu iterambere ry'igihugu.

Nyamara, mu mateka, usangamo ingero nyinshi zerekana ko abagore bagiye baza ku isonga mu kugira uruhare rugaragara mu muryango nyarwanda. Mu muco nyarwanda hagaragayemo amahame aha agaciro abagore, akanabaha n'ubwigenge mu mirimo yabo. Urugero ni nkuko babitaga ba mutima w'urugo, bakanagira uruhare mu gufata ibyemezo ku nzego zitandukanye.

#### 1.2.1.2. Imiterere y'ikibazo mu rwego rw'imibereho y'abaturage n'iterambere

Mu Rwanda, ubukene ni kimwe mu bibazo byugarije abagore n'abagabo. Byahumiye ku mirari mu 1994, ubwo habaga Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ariko abagore benshi aba ari bo bahazaharira cyane. Abagore bakwiye ubwisanzure mu by'ubukungu, bagahabwa uburenganzira ku mutungo no kuwucunga, ku murimo, bakanahabwa amahirwe angana n'ay'abagabo mu kwiyubakira ubushobozi.

Ubu, umuganda w'abakobwa n'abagore ku rwego rw'igihugu mu kugiteza imbere ujanishirizwa kuri 56,4% naho abagabo bakaba bari kuri 43.6%. Kuri kiriya gipimo, umubare ungana na 55.8% ni abagore bikorera cyangwa bakorera umushahara, naho 87.6% ni abagore bari mu mirimo y'ubuhinzi.

Ku birebana n'uburyamirane mu mirimo, ibipimo biteye bitya: Mu cyaro, abagore bakora ni 66.3,% mu gihe abagabo ari 49%. Mu mijyi, abagore bakora ni 53% abagabo bakaba 60.9%. Aha ikigaragara akaba ari uko abagore benshi mu mirimo baba bungirije, mu gihe abagabo ari bo baba bari mu myanya y'ubuyobozi. Mu masosiyete afite inzego zisobanutse, 18% niyo ayoborwa n'abagore. Umubare munini w'abakobwa n'abagore babarizwa mu mirimo idafashije cyane cyane mu bucuruzi buciriritse. Ku birebana n'uburenganzira ku murimo, abagore benshi bakoreshwa nka ba nyakabyizi, gucuruza ubuconsho n'ubukorikori.

Ubushakashatsi ku bwoko bw'imirimo itandukanye, bugaragaza ko abakobwa n'abagore ari bo benshi mu mirimo y'ubuhinzi n'ubworozi aho ari 86%, abagabo ari 61.5%, bukanerekana ko mu mijyi ari bo bihariye imirimo idasaba amashuri. Mu byaro abagore bagera kuri 15.2% bakorera umushahara cyangwa ari ba nyakabyizi, abenshi muri bo bakaba bakora imirimo yo mu rugo. Mu mijyi iki gipimo kigereranywa kuri 33.5%.

Ku birebana n'ibyo binjiza, abagore bangana na 14% nibo bahembwa amafaranga, 15.7% babona amafaranga cyangwa ibiribwa naho 57% nta na mba babona (Ubushakashatsi ku buzima n'imyiyongerere y'abaturage mu Rwanda, EDSR, bwo mu 2005). Inyigo yakozwe mu 2003 n'Ihuriro ry'abagore ba Rwiyemezamirimo bo mu Rwanda (AFER) yerekana ko mu bikorera ku giti cyabo, nta mugore w'umunyenganda wari uri mu Rwanda.

Iyi mibare irerekana uburyo abagore bakandamijwe, amizero y'ubuzima akaba ashingiye ku bagabo, bikaba ari nayo ntandaro nyamukuru y'ihohoterwa bagirirwa. Iyo ibi ubiteranyije, usanga ubukene butazahaza ku

rwego rumwe abagore n'abagabo, ahanini biturutse kuri ubu busumbane bushingiye ku kutanganya amahirwe ndetse no kutagira uburenganzra bungana ku mutungo no kuwucunga. Imizi y'ubu busumbane, ikaba yarubatswe ikanashingira ku miterere n'imibereho nyarwanda.

### 1.2.1.3. S Imiterere y'ikibazo mu rwego rwa politiki n'imibereho y'abaturage

Mbere y'ubukoloni, u Rwanda rwayoborwaga n'ingoma ya cyami. Umukuru warwo yari umwami utunze abagore beshi, ufite ububasha kuri byose no kuri bose. Munsi ye hari ingeri zitandukanye z'abatware bose ari abagabo.

Abagore babarirwa ku ntoki nibo bagabirwaga, nabwo ku nzego zo hasi cyane. Icyakora ububasha bwahabwaga umugabekazi, nibwo bwerekana ko ingoma ya cyami mu Rwanda itahezaga abagore, kuko urwo rwego narwo rwari mu zifata ibyemezo

Ku bw'abakoloni, uru rwego rwahamyeho, ariko uburinganire burahazaharira kubera impamvu zitandukanye. Itangizwa ry'ubukungu bushingiye ku mafaranga ryazambije ubusumbane bwari busanzweho, kuko abagabo ifaranga barihinduye umwihariko wabo, kandi ari yo soko y'imibereho. Hejuru y'ibi, kubera guhura n'abakoloni barangwaga n'ihohotera n'urugomo, abagabo banduye iyi mico maze bayadukana mu ngo zabo abana n'abagore barahagorerwa.

Nyuma y'ubwigenge, u Rwanda rwaranzwe no kwiharira ubutegetsi kw'abagabo. Ni abagore mbarwa bahawe imyanya ikomeye ifatirwamo ibyemezo. Impinduka ziciriritse zagagaragaye mu mwaka wa 1991, ubwo hemerwaga politiki y'amashyaka menshi, maze abakobwa n'abagore nabo bagira uruhare mu buyobozi no mu myanya ifatirwamo ibyemezo.

Kubera urugamba rwo kubohora u Rwanda rwatangijwe na FPR INKOTANYI, ari narwo rwatumye amashyaka akomorerwa n'abagore bagahabwa imyanya mu nzego zose, byibuze buri shyaka ryashyiraga mu buyobozi bwaryo, umugore cyangwa umukobwa. Mu 1993, umwe muri bo, Madame Uwiringiyimana Agathe, yaje kugirwa Minisitiri w'intebe.

Ubushake bw'ubuyobozi bw'u Rwanda nyuma ya 1994, n'imyanzuro y'inama mpuzamahanga ya kane y'abagore yabereye Beijing mu Bushinwa mu 1995, byabaye imbarutso y'impinduka zikomeye mu muryango nyarwanda. Dore ingero ebyiri z'ingenzi zaranze izo mpinduka: Iya mbere, abagore bagize uruhare rukomeye cyane mu gusana igihugu no kunga abanyarwanda.

Iya kabiri, imyanzuro y'inama ya Beijing, yakubise ingabo mu bitugu abanyarwandakazi bituma bitabira kurushaho kujya mu nzego zifata ibyemezo cyane cyane mu buyobozi bukuru bw'igihugu.

### 1.2.2. Imiterere y'ikibazo ku rwego mpuzamahanga no mu karere k'Afurika y'iburasirazuba

Kwemererwa kw'u Rwanda kwinjira mu muryango w'Afurika y'uburasirazuba, yabaye intambwe ikomeye mu rwego rwo kugena za gahunda ku bihugu bitanu bigize uwo muryango kuko bifatira ingamba hamwe mu guteza imbere uburinganire n'iterambere.

Mu rwego rwo kugira icyerekezo kimwe, politiki nshya y'uburinganire izatanga umurongo uhamye n'inyigisho zihoraho. Mu karere k'Afurika y'iburasirazuba hari gahunda zitandukanye zifasha guhuriza hamwe ingufu ku iterambere ry'uburinganire. Muri 1995, u Rwanda rwahise rushyira umukono ku myanzuro y'inama mpuzamahanga ya Beijing, rukaba rwaranafashe ingamba icyenda muri cumi n'ebyiri z'ingenzi zanzuriwe muri iyo nama ko zigomba kujya mu bikorwa.

U Rwanda rwemeye runashyira umukono ku masezerano mpuzamahanga n'ay'akarere ruherereyemo atandukanye, nk'agamije guca ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (CEDAW), ay' Intego z'ikinyagihumbi mu iterambere (MDGs), Umwanzuro wa 1325 w'Inama y'Umuryango w'abibumbye ishinzwe umutekano ku isi (UNSCR 1325), Amasezerano Mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu yo ku wa 10 Ukuboza 1948, ay'Ubufatanye bushya bw'ibihugu by'Afurika mu iterambere (NEPAD), n'ay'Isoko rusange rihuza ibihugu byo muri Afurika y'uburasirazuba n'iy'amajyepfo ndetse n'andi menshi.

Aya masezerano yose akaba yerekana ko uburinganire ari inkingi ikomeye y'iterambere rirambye.

Mu gusinya Amasezerano mpuzamahanga agamije guca ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore mu Ugushyingo 1981, n'Amasezerano y' Inama mpuzamahanga ku mibereho y'abaturage n'iterambere (ICPD) mu 1994, u Rwanda rwafashe ingamba zifatika nko gushyiraho amategeko ahana igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa imigirire igamije ivangura rikorerwa abagore, ruhindura cyangwa ruca burundu amategeko, imico n'imigirire byari bisanzweho byabavanguraga.

Ni byiza ku Rwanda ndetse no ku bindi bihugu, kwisuzuma kugira ngo rumenye aho rugeze mu kugera ku ntego z'uburinganire n'ibipimo byashyizweho n'aya masezerano.

### 1.3. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu kwimakaza ihame ry'uburinganire n'iterambere bry'umugore

Muri gahunda yo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'iterambere ry'umugore, u Rwanda rwesheje imihigo. Imwe muri iyo akaba ari iyi ikurikira:

#### 1. Kurwanya ubukene

Guverinoma y'u Rwanda yashyize ingufu mu kwinjiza uburinganire muri za gahunda n'ingamba z'igenamigambi. Mu Cyerekezo 2020, muri gahunda mbaturabukungu (EDPRS), uburinganire bufatwa nk'urwego abantu buririraho bazamuka mu nzego zose.

Hejuru y'ibyo, mu rwego rwo kwerekana ko uburinganire ari intego ikomeye Guverinoma yihaye, Minisiteri y'Imari n'igenamigambi ku bufatanye na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango, yashyizeho umushinga w'ingengo y'imari yubahiriza uburinganire, kugira ngo hitabwe ku byifuzo by'abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa, mu gukora gahunda z'ibikorwa no kubigenera amafaranga.

### 2. Gutanga amashuri

Uburezi bw'imyaka icyenda bwashyizweho kugira ngo abana bose abahungu n'abakobwa bige.

Politiki y'uburezi ku mwana w'umukobwa n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa yashyizweho na Minisiteri y'uburezi, igamije guha no kongerera abana b'abakobwa ubushobozi bwo gutsinda mu byiciro byose by'amashuri. Ikaba yibanda cyane ku mashami y'ubumenyi n'koranabuhanga. Ni muri urwo rwego hashinzwe amashuri nka FAWE, hashyirwaho gahunda yo gutanga ibihembo ku bana b'abakobwa batsinze neza.

Mu gushyigikira amashami y'ubumenyi n'ikoranabuhanga, hanatangijwe gahunda ya "mudasobwa kuri buri mwana" ubu irimo ishyirwa mu bikorwa, abana b'abahungu n'abakobwa bakaba bazikoresha mu kwiga, banongera ubumenyi n'ubushakashatsi kuri internet n'izindi porogaramu ziri muri izo mudasobwa.

### 3. Uburyo bwo kwivuza

Mu gihugu hose hari abajyanama b'ubuzima bagenzura bakanakangurira abaturage gahunda z'ubuzima;

Hashyizweho ubwisungane mu kwivuza ku batuage bose;

Politiki ku buzima bw'imyororokere yashyizweho

Isuzuma ku buzima bw'ubwiyongere bw'abaturage ndetse n'isuzuma ku byagezweho muri gahunda yo kwimakaza ihame ry'uburinganire bikorwa ku buryobuhoraho;

### 4. Kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore

**Ibyagezweho mu guca burundu ihohoterwa rikorerwa abagore:**

- Hashyizweho ikigo cyakira abakorerwe ihohoterwa bagahabwa ubuvuzi, bagahabwa ubujyanama, bakanunganirwa mu mategeko;
- Hanonosowe gahunda y'ibikorwa ku rwego rw'igihugu zirebana n'Icyemezo cy'1325 w'Inama y'Umuryango w'abibumbye ishinzwe umutekano ku isi (UNSCR 1325);
- Hemejwe amategeko akumira akanahana ihohoterwa rikorerwa abagore ;
- Hakuweho hanavugururwa amategeko yari asanzweho akorera ivangura abagore ;
- Gushyiraho komite zigamije kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore kuva ku rwego rw'umudugudu kugera ku rwego rw'igihugu;

- Gushyiraho ishami rishinzwe uburinganire muri Polisi y'igihugu, mu Ngabo z'igihugu no mu rwego rw'ubushinjacyaha (gender desk);
- Gushyiraho umurongo wa telephone wo kwakira no gutanga inama ku bibazo bijyanye n'ihohoterwa kandi utishyurwa muri Polisi y'igihugu, mu Ingabo z'igihugu no mu rwego rw'ubushinjacyaha;
- Hashyizweho ishyirahamwe ry'abagabo rigamije gukangurira abaturage cyane cyane abagabo guca burundu ihohoterwa rikorerwa abagore (RWAMREC).

**Abagore n'abakobwa mu by'ubukungu**

- Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 rirebana n'umuryango n'izungura, riha abana b'abakobwa uburenganzira bungana n'ubw'abahungu;
- Itegeko ngenga N°08/2005: riha uburenganzira bungana ku butaka umugore n'umugabo;
- Itegeko ry'Umurimo ryasohotse mu igazeti ya Leta mu mwaka wa 2009
- Inyandiko y'ingamba zo kubonera akazi abakobwa n'abagore;
- Hashyizweho ikigega cy'ingwate cy'abakobwa n'abagore;
- Gushyiraho Koperative zo kubitsa no kugurizanya muri buri Murenge zizwi ku izina ry'Umurenge SACCO;
- Gushyiraho Koperative y'abarimu "UMWARIMU SACCO" ifasha abarimu bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye kubona inguzanyo ku buryo bworoshye;
- Gushyiraho ishami ryihariye ry'abagore muri Banki y'abaturage y'u Rwanda;

- Ishyirahamwe ry'abari n'abategarugori "DUTERIMBERE" ryishingiye Koperative yo kuzigama no kuguriza yitwa « COOPEDU»;
- Mu rugaga rw'abikorera ku giti cyabo (PSF) hashyizweho ishami ry'abakobwa n'abagore;

**Mu nzego zifata ibyemezo**

U Rwanda nicyo gihugu cya mbere ku isi gifite umubare munini w'abakobwa n'abagore mu nteko ishinga amategeko, 56.25% mu mutwe w'abadepite. Uwo mutwe kandi uyoborwa n'umugore;

Mu bagize Sena, 35% ni abagore;

Mu bagize Guverinoma, 38% ni abagore,

Mu banyamabanga ba Leta, 40% ni abagore

Mu rwego rw'ubutabera, abagoreni 50%, kandi Perezida w'urukiko rw'ikirenga ni umugore.

**Inzego za Leta zishinzwe uburinganire**

Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF)

Ikigo gishinzwe iyubahirizwa ry'uburinganire

Inama y'igihugu y'abagore

## 1.4. Uburyo mbonezamikorere bwifashishijwe

Mu gutegura iyi politiki, hifashishijwe uburyo mbonezamikorere butandukanye. Ubwa mbere habaye kuganira n'abahagarariye inzego (iza Leta, abikorera ku giti cyabo, imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta, imiryango mpuzamahanga, imiryango itegamiye kuri Leta, abaterankunga, abanyamadini n'amashyirahamwe y'abagabo n'abandi) bose barebwa n'iterambere ry'uburinganire. Ndetse n'urubyiruko rwaciye mu ngando rwatanze ibitekerezo. Ku birebana no gukusanya amakuru, ibyakozwe byose mu rwego rw'iterambere ry'umugore n'iyimakazwa ry'ihame ry'uburinganire biragaragara.

Ubu buryo mbonezamikorere buhuriwemo n'inzego zose bwatumye hamenyekana ibikorwa by'ingenzi byihutirwa, intego n'uburyo bwo kubishyira mu bikorwa. Habayeho kumvikana ku kumenya ngo ni izihe nzitizi zibangamiye iterambere ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bituma hanabaho guhitamo gahunda z'ingenzi zakorwa ku buryo bwihutirwa.

Uburyo bwa kabiri, ni uburyo bw'imfashanyigisho hakoreshejwe inyandiko n'ibitabo. Hasomwe inyandiko nyinshi zivuye mu nzego zitandukanye zikangurira abantu politiki y'uburinganire. Izi nyandiko zatumye abantu basobanukirwa uko ihame ry'uburinganire ryumvikana uyu munsi, ibyagezweho n'impinduka zikenewe.
Bwa nyuma, ibitekerezo byavuye mu ma raporo ku byakozwe ku ihame ry'uburinganire mu Rwanda byizweho, bityo hagaragazwa porogaramu z'ibanze zakwibandwaho. Ibi byose byakozwe hagendewe ku iteganyagahunda ry'igihugu, gahunda y'imbaturabukungu (EDPRS), ishimangira ihame ry'uburinganire nka rumwe mu mbariro zayo.

## *II. Icyerekezo rusange*

### *2.1. Itegeko nshinga*

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka wa 2003, riha urubuga rusesuye ibyiciro byari byarashigajwe inyuma n'amateka nk'abagore, urubyiruko n'ababana n'ubumuga. Iri tegeko rigenera abakobwa n'abagore byibura imyanya ingana na 30% mu nzego zifata ibyemezo, ari nabyo byatumye umubare w'abagore batorerwa cyangwa bagashyirwa mu nzego zose z'ubuyobozi uzamuka. Itegeko Nshinga kandi ryongera gushimangira ihame ry'uburinganire no kurandura ivangura iryo ari ryose rikorerwa abagore, bityo iri hame rirubahirizwa mu nzeo zose.

### *2.2. Icyerekezo 2020*

Icyerekezo 2020, ni gahunda ndende y'iterambere isobanura ibyo u Rwanda rwifuza kugeraho kuva mu mwaka wa 2000 kugera mu 2020. Nk'igishishanyo mbonera cy'iterambere ry'u Rwanda, iki cyerekezo cyerekana ko iterambere ry'igihugu nta wundi mutungo rishingiyeho usibye abaturage. Politiki y'igihugu y'uburinganire ikaba ijyanye n'icyo cyerekezo, mu guteza imbere imibereho y'abaturage, amahame ya demukarasi n'imiyoborere myiza, kugira ngo ibyiciro byose by'abaturage, abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa babigiremo ijambo ku buryo bungana.

Na none muri icyo cyerekezo cy'iterambere ry'u Rwanda, politiki y'igihugu y'uburinganire, izaba umuyoboro uzafasha mu guha amahirwe angana abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa mu nzego zose.

### *2.3. Gahunda mbaturabukungu (EDPRS)*

Politiki y'igihugu y'uburinganire, ijyanye muri rusange n'intego za gahunda y'imbaturabukungu mu gutanga amahirwe angina mu guhabwa ijambo, kugira uruhare rungana kuri servisi zitangwa mu nzego zose. Kugenerwa imibereho myiza, guhabwa ubutabera harimo no gushimangira no gushyira mu bikorwa amategeko arebana n'uburinganire, muri iyi politiki bishyirwa mu bikorwa hifashishijwe gahunda eshatu ari zo: "Kwongera umusaruro w'ibyoherezwa hanze no gutanga akazi", "Icyerekezo 2020 ku rwego rw'umurenge", n' "imiyoborere myiza".

Izi gahunda zivuzwe hejuru, zifitiye akamaro abagore n'abagabo ku buryo butandukanye kandi ibipimo by'uburinganire bifite icyo byongera kuri ziriya gahunda kuko zigaragaza uburinganire nk'imwe mu ngamba zahindura umuryango nyarwanda.

### *2.4. Politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi*

Politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi, yerekana ko Guverinoma y'u Rwanda ikomeye ku mugambi wo guha ubushobozi abaturarwanda akaba ari bo bihitiramo icyerekezo cy'ejo hazaza.
Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi, kugera ku rwego rw'umudugudu, ni bumwe mu buryo bwo gushimangira ko politiki y'uburinganire igera muri izo nzego kandi ibyiciro bitandukanye by'abaturage bikarushaho kuyibonamo.

Nkuko byifujwe n'abaturage mu biganiro binyuranye, ni mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'uburinganire ku rwego rw'ibanze, izacengezwa neza mu muryango, igahinduka koko inkingi y'iterambere ry'igihugu.

### *2.5. Gahunda y'ishoramari rirambye*

Gahunda y'ishoramari rirambye (LTIF), ubu niyo ngamba y'igihugu mu ishoramari. Yateguwe kugira ngo ifashe mu gukemura ibibazoby'ishoramari, cyane cyane ibijyanye n'ishiramari ry'igihe kirekire n'igiciriritse kuko bigaragara ko amikoro ya Leta ubwayo adahagije.

Intego nyamukuru z'iyi gahunda, ni ugufasha Guverinoma mu igenamigambi mu rwego rw'ishoramari, hagaragazwa uburyo igihugu cyatera imbere gikoresha neza umutungo gifite. Iyi gahunda nayo igaragaza uburinganire nk'urubariro shingiro mu kugera ku iterambere rirambye.

### *2.6. Gahunda za Guverinoma*

Politiki y'igihugu y'uburinganire, izaba nk'umuyoboro uzafasha Guverinoma mu gushyira mu bikorwa zimwe muri gahunda zayo z'igihe gito. Muri izo gahunda hari nko kwigisha abantu gusoma no kwandika, HIMO, icyerekezo umurenge 2020 (VUP) n'izindi. Izi gahunda akaba ari zo Guverinoma izanashingiraho kugira ngo igere kuri gahunda zayo z'igihe kirekire.

## *2.7. Intego z'iterambere ku rwego mpuzamahanga*

Politiki y'igihugu y'uburinganire, ijyanye neza neza n' Intego z'ikinyagihumbi mu iterambere (MDGs). Intego ya gatatu y'izo ntego, ni ukugera ku buringanire no guha ubushobozi abakobwa n'abagore. Iyi ntego ikaba ifite agaciro kuko ari nayo izindi zishingiraho kugira ngo zose zizagerweho.

Ubufatanye bushya bw'ibihugu by'Afurika mu iterambere (NEPAD) ni umwe mu migambi ya politiki igaragaza ubushake bw'ibihugu by'Afurika mu kwihutisha guha abagore ubushobozi nkuko bishimangirwa mu ntego z'ikinyagihumbi mu iterambere. Kugirango ubu bushake bwa politiki bushyirwe mu bikorwa, NEPAD yo yashyize ingufu muri gahunda yo kurwanya ubukene mu bagore n'abakobwa.

Bimwe mu bikorwa bizitabwaho, hakaba hari ugushyiraho itsinda rishinzwe uburinganire, rizasuzuma niba ibibazo by'ingutu byugarije abagore bakennye byaragaragajwe muri ya gahunda ya NEPAD igamije kurwanya ubukene mu bagore n'abakobwa.

## III. POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBURINGANIRE ICYO ARI CYO

### *3.1. Imiterere y'ikibazo*

Ubusumbane bushingiye ku gitsina, bugaragara mu muco nyarwanda, buha ingufu abagabo kurusha abagore. Akaba ari muri ubwo buryo, abana b'abahungu bahabwa agaciro kurusha ab'abakobwa. Ibi bigaragarira mu ngeri zitandukanye nko mu mitungo, aho usanga abagore ari bo bazahazwa n'ubukene kurusha abagabo, mu buyobozi aho usanga imyanya myinshi ifitwe n'abagabo ndetse no mu zindi nzego. Usanga kandi hari ubusumbane mu guhabwa servisi zinyuranye no gusangira ubukungu n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu. Ntawabura no kuvuga ko abagabo benshi ndetse n'abagore ubwabo uburinganire babuhaye urw'amenyo ngo ni ibintu by'abagore. Ibi bikaba byaradindije imyumvire y'iryo hame no kuryinjiza muri gahunda z'igihugu nkuko bigaragara mu nzego zikurikira:
Mu rwego rwo kwegereza abaturage ubuyobozi bafitemo uruhare, ubusumbane bugaragarira ku mubare muke w'abagore n'abakobwa bari mu nzego z'ubuyobozi. Urugero nko ku rwego rw'Akarere, mu bayobozi b'Uturere, abagore ni 6.7% mu gihe abagabo ari 93.3%. Mu bayobozi b'Uturere bashinzwe imibereho myiza y'abaturage, abagore ni 96.6% naho abashinzwe ubukungu ni 13.4%. Mu banyamabanga nshingwabikorwa b'Uturere, abagore ni 17%. Mu banyamabanga nshingwabikorwa b'Imirenge, abagore ni 13%.

Ibi bikaba ari ibisigisigi by'umuco, wavugaga ko umugore ari uwo kwita ku mibereho rusange y'abantu. Na none ukutigirira icyizere kw'abagore bigaragarira cyane cyane mu rwego rw'imirenge, aho usanga batitabira kujya mu buyobozi.

Mu rwego rw'ubutabera, abagore n'abakobwa usanga batinya gutwara ibirego byabo mu nkiko kuko umuco ubatinyisha ngo ntibemerewe gushora urubanza. N'abagerageje kubikora nabo usanga bahura n'ikibazo cyo kubona ababunganira kubera amikoro.

Aha ntawabura kwishimira ko amenshi mu mategeko yahezaga abagore n'abakobwa ubu yavuguruwe. Ariko, haracyari ibibazo mu baturage kuko usanga batazi aya mategeko yimakaza uburinganire abarengera, batanazi uburenganzira bahabwa n'ayo mategeko.

Nubwo hashyizweho ingamba zikarishye, na n'ubu, ibikorwa by'hohoterwa rishingiye ku gitsina biracyakomeje. Nubwo atari yose, ariko umubare ugaragara w'amategeko aheza abagore n'abakobwa yaravuguruwe; ikibura akaba ari ukuyakwirakwiza mu gihugu hose,  abaturage bakayigishwa bakanayamenya.

Zimwe mu mpamvu zituma habaho ihohoterwa akaba ari ubukene, ubujiji, ubusinzi n'ibindi. Abagore nibo benshi bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, abagabo akaba ari bo benshi barikora.

Mu baturage batishoboye, harimo ibyiciro bitandukanye. Harimo abapfakazi, abasaza n'abakecuru, indaya, imfubyi, abamugaye n'abandi. Ibi byiciro byose bihurira ku kuba bitishoboye, ariko kenshi usanga muri bo ab'igitsina gore baba barazahaye cyane kurusha ab'igitsina gabo.

Mu rwego rw'ubuzima, imirire n'ubwiyongere bw'abaturage n'impfu z'abana n'ababyeyi bakibyara (750/100,000 bapfa babyara) na (62/1000 by'abana

bapfa bavuka) ibipimo biracyari hejuru. N'ibipimo byo kororoka biracyari hejuru kuko ubu umugore umwe abarirwa abana hafi batandatu (abana 5.7 ku mugore umwe). Abagabo kandi ntibiabira gahunda zo kuboneza urubyaro. Mu bijyanye kandi n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, abagore bari hejuru kuko bandura ku gipimo cya 3.6% mu gihe abagabo bafite 2.3 ku ijana.

Mu burezi naho haracyari ubusumbane hagati y'abana b'abakobwa n'abahungu. Nubwo hariho amahirwe angina mu kwiga mu kwiga amashuri abanza, haracyari ubusumbane mu mitsindire. Abana b'abahungu baratsinda kurusha abana b'abakobwa. Abahungu kandi barangiza amashuri kurusha abakobwa kubera impamvu zitandukanye.

Mu mashuri yisumbuye ya Leta, umubare w'abahungu uruta uw'abakobwa. Abahungu ni 55%, abakobwa ni 45%. Ariko mu mashuri yigenga, abakobwa baruta abahungu. Abakobwa ni 51.3%, abahungu ni 48.7%. Abahungu batsinda neza kurusha abakobwa, ibyo bigatuma abahungu baba benshi mu mashuri yisumbuye ya Leta, bityo abakobwa barushaho kuba benshi mu mashuri yigenga. Aya mashuri akaba ahenze cyane ugereranyije n'aya Leta.

Muri Kaminuza y'u Rwanda, mu ishami ry'inderabarezi, umubare munini w'abakobwa wari 50% muri 2008. Muri uwo mwaka, mu ishami ry'ubuhanga ngiro "Applied Siences", abakobwa bari 11.6%, ibyo bigaragaza ko umubare w'abakobwa biga ikoranabuhanga ukiri hasi cyane. Ibi bikaba bigaragaza kandi ko no mu kwiga abagore bibanda ku bumenyi bubaganisha mu mirimo n'inshingano bari baramenyerejwe n'umuco.

Abanyarwanda benshi bakora umwuga w'ubuhinzi. Muri bo, abagore nibo bagize igice kinini cy'abakora uwo murimo kuko ari 87.6%. Ikibazo kinini cyugarije abagore n'abagabo b'abahinzi, ni uko bakora ubuhinzi bw'amaramuko. Birumvikana ko umubare munini w'abakene ugizwe n'abagore, kuko ubuhinzi bubazanira udufaranga duke.

Urwego rw'ibikorwa remezo rugizwe n'ibyiciro byinshi harimo ingufu, gutwara abantu n'ibintu, ikoranabuhanga n'ibindi. Ikibazo cy'ingufu kibangamiye abagore n'abagabo. Ariko abagore nibo gihangayikisha cyane kuko nibo barebwa no gutashya inkwi zo guteka n'indi mirimo yo mu rugo. Ibi bituma batakaza igihe kinini, bakagombye kuba bakoresha mu bikorwa by'iterambere ry'ingo zabo n'umuryango muri rusange. Mu rwego rwo gutwara abantu n'ibintu hibandwa cyane cyane mu guca imihanda minini. Utuyira abagore bakoresha mu mirimo yabo ya buri munsi, ntabwo twitabwaho nk'indi mihanda minini. Mu rwego rw'ikoranabuhanga, ikibazo gihari, ni ukubona amakuru. Iki ni ikibazo ku banyarwanda bose, ariko ku bagore ho kikarushaho gukomera kuko baba bahugiye mu mirimo yo mu rugo bityo ntibabone umwanya wo kubona amakuru, bigatuma basigara inyuma mu iterambere.

Ku bijyanye no kurengera ibidukikije no gufata neza ubutaka, gahunda zimwe na zimwe zo muri urwo rwego zibangamira ishingano z'abagore. Kutagira uruhare rungana hagati y'abagore n'abagabo muri gahunda zo kurengera ibidukikije no gufata neza ubutaka nabyo ni ikindi kibazo gikomeye kuko bigaragaza ubusumbane muri uru rwego. Kuri ubu usanga abagabo ari bo benshi biganje mu bikorwa birebana n'ibidukikije n'ubutaka.
Ku birebana n'amazi n'isuku, kubona amazi meza ni ikibazo gikomeye ku bagabo n'abagore, ariko cyane cyane kibangamiye abagore kuko ari bo

bavoma. Iki kibazo kandi ugisanga mu mijyi no mu byaro. Kutabona amazi meza kandi hafi, bibangamira imiryango, ariko cyane cyane ubuzima bw'abagore, bikabangiriza n'igihe. Ibi bigira ingaruka ku isuku y'umuryango muri rusange n'iy'umugore by'umwihariko, kuko ari we urebwa cyane n'ibikorwa bijyanye n'isuku mu rugo.

Urwego rw'abikorera rwiganjemo abagabo. Abagore bafite imanya mu masosiyete baracyari bacye cyane. N'abarimo usanga bari mu myanya yo hasi cyane. Nyamara abagore benshi ubasanga mu myanya bagenerwaga n'umuco kandi bahembwa amafaranga make. Ikindi kibazo kibangamiye uburinganire, ni uko bamwe mu bikorera badakunda gutanga akazi ku bagore batwite cyangwa bonsa.

Kongera ubushobozi no guteza imbere umurimo biruzuzanya. Abagore ni bake mu myanya yo hejuru, ariko bakaba benshi mu mirimo iciriritse. Na none abagore ni bake mu irimo ya tekiniki kandi akenshi ari yo iba ihemba neza. Ibi bikaba biterwa nuko abagore bize bakiri bake.

### *3.2. Amahirwe n'inzitizi*

#### 3.2.1. Amahirwe

U Rwanda rutanga amahirwe menshi azafasha cyane mu gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Uburinganire. Guteza imbere uburinganire nk'imwe mu ntego z'iterambere, bigaragara muri politiki za Leta, mu Itegeko Nshinga no mu yandi mategeko n'amabwiriza, yaba ay'u Rwanda cyangwa mpuzamahanga. Amahirwe y'ingenzi ahari ni aya akurikia:

- Kuba hari ubushake busesuye bwa politki mu nzego nkuru z'igihugu zifata ibyemezo bitanga amahirwe yo kugera ku ntego zigamijwe kugerewaho;
- Igenamigambi rishingiye ku ihame ry'uburiganire ryashyizweho na Minisiteri y'imari n'igenamigambi ifatanyije na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango, ni uburyo bwiza bwo gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire mu mitegurire y'ingengo y'imari no kwinjiza uburinganire mu butegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'ibanze;
- Gahunda iriho yo kuvugurura inzego za Leta, aho abayobozi basabwa kumurikira abaturage ibyo bakora muri gahunda z'imihigo no kongerera ubushobozi abaturage;
- Gahunda iriho yo kuvugurura inzego za Leta, cyane cyane ibijyanye n'imicungire n'imikoreshereze y'umutungo wa Leta hitabwa ku igenamigambi rishingiye ku ihame ry'uburinganire;
- Ishyirwaho ry'Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire hagati y'abagoe n'abagabo mu iterambere ry'igihugu, bizatuma Minisiteri ishinzwe iterambere ry'uburinganire irushaho kugera ku nshingano zayo;
- Kugira umubare munini w'abagore mu nzego nkuru z'igihugu zifata ibyemezo nko mu Nteko ishinga amategeko, muri Guverinoma no mu nzego z'ibanze bizabera urugero bagenzi babo bagitinya kujya mu nzego zifata ibyemezo. Ibi bizatuma habaho ubuvugizi mu kwinjiza ihame ry'uburinganire muri gahunda z'ibanze z'igihugu;
    - Ihame ry'uburinganire nk'ikibazo cy'iterambere rirarusaho kumvikana;

- Ivugururwa rikorwa mu nzego za Leta, rishyirwa mu bikorwa mu butegetsi bwite bwa Leta no mu nzego z'ibanze;
- Kuba mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazubawinjira n'indi miryango ishingiye kuri politiki n'ubukungi. Ibi bitanga aahirwe menshi yo gusangira ubunararibonye n'ibindi bihugu mu kwimakaza ihame ry'uburinganire. Byakongera ingufu mu gukora ubuvugizi buhuriweho, hakorwa ubushakashatsi no guhanahana amakuru hagati y'ibihugu;
- Hariho ihuriro ry'Abafatanyabikorwa ku rwego rw'Akarere ruhuza abafatanyabikorwa muri gahunda y'uburinganire no kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi;
- Ubufatanye hagati ya Leta n'imiryango itegamiye kuri Leta, butuma ihame ry'uburinganire rishoboa kwinjizwa muri gahunda zose;
- Umuco wemerera abagore kugira uruhare mu buyobozi (urugero: Umugabekazi mu gihe cy'ingoma ya cyami n'inshingano umugore agira haba mu rugo no hanze yarwo);

**3.2.2. Inzitizi**

Nubwo hari intambwe nini yatewe mu gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire, haracyari inzitizi. Iz'ingenzi akaba ari izi zikurikira:

- Kutagira politiki, ingamba na gahunda zihagije zo kwimakaza ihame ry'uburinganire;

- Kutagira ubushobozi n'ubumenyi bihagije mu gusesengura ibibazo bijanye n'uburinganire no gukora igenamigambi ryita ku ihame ry'uburinganire hagamijwe kuryinjiza mu nzego zose z'iterambere zaba iza Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta;
- Kwanga guhindura imyifatire no kugira imyumvire iri hasi ku birebana n'ihame ry'uburingaire;
- Kutagira ubumenyi n'ubushobozi, ibikoresho n'ikoranabuhanga bihagije mu by'ubuhinzi byazana impinduka bigatuma abantu bava mu buhinzi gakondo bagakora ubuhinzi bwa kijyambere bakihaza mu biribwa bagasagurira n'amasoko;
- Ubumenyi budahagije ku bagore bwatuma bakora imirimo ya tekiniki ihemba neza;
- Amavuriro make kandi adafite ibikoresho n'abaganga bahagije;
- Kudasobanukirwa n'ibijyanye n'ubuzima;
- Abagabo batitabira ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro
- Kuba hakiriho impamvu zishingiye ku mibereho, umuco n'ubukungu zitambamira umwana w'umukobwa n'umugore ntibashobore kwiga mu byiciro byose ariko cyane cyane ngo bigire imirimo umuco wari warageneye abagabo;
- Kutagira ubwiherero bwihariye ku bana b'abakobwa n'abahungu mu mashuri abanza bigatuma abana b'abakobwa bakunda gusiba;
- Kuba ababyeyi n'abarimu benshi badaha agaciro gakwiye ibibazo bijyanye n'uburinganire no kuba abakobwa batigirira icyizere;

- Imirimo myinshi idahemberwa ikorwa n'abagore,igatuma batabona igihe cyo kwitabira inama zifatirwamo ibyemezo cyangwa ibindi bikorwa bya politiki, umuco n'ubukungu;
- Imyumvire mibi y'uko umugore atagira ijambo mu gufata icyemezo;
- Abagabo batitabira gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ibindi bibazo bijyanye n'uburinganire;
- Kuba abagore badakunze kwitabira gahunda zo kubungabunga ibidukikije no gufata neza ubutaka;
- Kutagira ibitanga ingufu z'umuriro zihagije bigatuma abagore bavunika kuko ari bo barebwa n'imirimo yo mu rugo isaba izo ngufu;
- Kutagira uduhanda dukoze neza bibangamira abaturage, ariko cyane cyane bikagira ingaruka ku bagore badukoresha mu mirimo yabo ya buri munsi;
- Kutagerwaho n'ikoranabuhanga bigatuma basigara inyuma mu kubona amakuru;
- Gukora ingendo ndende bajya kuvoma amazi meza;
- Ubushobozi n'ubumenyi bidahagije ku bagore bituma badashora imari mu mishinga ibyara inyungu;
- Abikorera badakunze guha akazi abagore batinya ko babyaye byabateza igihombo;
- Kutagira imibare igaragaza uko abagabo 'abagore, abahungu n'abakobwa bahagaze muri gahunda zitandukanye z'ubuzima bw'igihugu, bituma ubuvugizi ku ihame ry'uburinganire ridakorwa neza;

- Ubushobozi n'ubumenyi bidahagije ku batishoboye bituma ubukene bubabaho akarande;
- Kuba nta ngamba zinoze zo guhuza ibikorwa bijyanye n'uburinganire mu gihugu;
- Kuba nta buryo bunoze bwo kugenzura no gukurikirana ibijyanye n'uburinganire.

### *3.3. Amahame remezo*

Amahame n'imirongo ngenderwaho biri muri iyi nyandiko byavuye mu mana ngishwanama n'abafatanyabikorwa batandukanye.

- Politiki y'Igihugu y'Uburinganire igamije gukomeza guteza imbere umugambi wa Leta y'u Rwanda wo kubaka igihugu kizira ivangura iryo ari ryo ryose n'akarengane. Ibi bigaragazwa n'ishyirwaho z'inzego nka Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu, iy'Ubumwe n'Ubwiyunge, Urwego rw'Umuvunyi, Inkiko Gacaca, ubuyobozi bugendera ku mategeko no kugira Itegeko nshinga n'andi mategeko yita ku ihame ry'uburinganire;
- Iyi politiki, ishingiye ku kuba Leta y'u Rwanda yariyemeje guteza imbere abaturarwanda bose, abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa, nabo bakagira uruhare muri iryo iterambere;
- Politiki y'Igihugu y'Uburinganire yubakiye ku mahame yuko umugore n'umugabo ari abenegihugu banganya uruhare, inshingano n'inyungu mu iterambere ry'igihugu cyabo;

- Iyi politiki ikaba ishingiye ku ngingo yuko uburinganire ari urubariro rw'inkingi z'iterambere ry'igihugu;
- Leta y'u Rwanda yemera ko ubudasa hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bugomba kugaragazwa, bukitabwaho kugira ngo iterambere rirusheho kugenda neza;
- Indangagaciro z'umuco nyarwanda zizasuzumwa, maze hagaragazwe iziteza imbere uburinganire n'izituma ivangura rishingiye ku gitsina rikomeza kwimakazwa;
- Hazatangizwa gahunda zihariye zigamije kuzamura abagore ku buryo bw'umwihariko.

### *3.4. Icyerekezo cya politiki y'igihugu y'uburinganire*

Icyerekezo cya politiki y'igihugu y'uburinganire ni ukubaka umuryango nyarwanda uzira ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina no gutuma abagabo n'abagore bagira uruhare n'inyungu bingana mu iterambere ry'igihugu.

### *3.5. Intego ya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire*

Intego ya Politiki y'Igiugu y'Uburinganire ni ukurandura ubusumbane bushingiye ku gitsina mu nzego zose z'ubuzima bw'igihugu, hagamijwe kugera ku iterambere rirambye igihugu cyiyemeje kugeraho.

### *3.6. Ikigamijwe kugerwaho na Politiki y'Igihugu y'Uburinganire*

Intego rusange ya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire, ni uguteza imbere uburinganire mu Rwanda binyujijwe mu kwinjiza ihame ry'uburinganire mu buzima bw'iterambere ry'igihugu. Iyi politiki irerekana ibigo n'uburyo buzashyirwaho kugira ngo politiki na gahunda z'uburinganire zizashyirwe mu bikorwa, zizakurikiranwe, zizagenzurwe kandi zizahuzwe. Ibi bizafasha iyinjizwa ry'ihame ry'uburinganire muri gahunda zose n'ibigo.

### *3.7. Ingamba zo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Uburinganire*

#### 3.7.1. Uburyo buzifashishwa

Uburyo bw'ibanze ingamba z'iyi politiki zishingiyeho ni ubu bukurikira:

a) Uburyo bwo kwinjiza ihame ry'uburinganire muri politiki, gahunda, ibikorwa n'ingengo y'imari mu nzego n'ibyiciro byose;

b) Gushyiraho uburyo bwihariye bugamije gukosora ubusumbane bukiboneka mu nzego zitandukanye z'iterambere;

c) Kongerera ubushobozi inzego zishinzwe uburinganire n'abafatanyabikorwa mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'igihugu y'uburinganire;

d) Gushishikariza abagabo kugira uruhare mu gukemura ibibazo by'uburinganire.

### 3.7.2. Ingamba

Ingamba zikurikira zafashwe bishingiye ku isesengura ry'ibibazo byerekeye uburinganire mu Rwanda, imiterere y'ikibazo n'inzitizi zagaragajwe mu muryango nyarwanda. Izi ngamba zigamije gukemura ibibazo by'ibanze byagaragajwe mu buryo burambuye, zikaba zishingiye ku buryo iyi politiki y'uburinganire ikora ku ngeri zose z'ubuzima bw'igihugu hamwe n'uburyo bwashyizweho mu kuyishyira mu bikorwa.

1. Gutegura gahunda zigamije kongerera ubushobozi abagena politiki, abashinzwe igenamigambi n'abarishyira mu bikorwa kugira ngo bagire ubumenyi-ngiro n'imyitwarire ikwiye mu kwinjiza ihame ry'uburinganire mu nzego zose;
2. Gutegura amategeko n'amateka agenga uburyo ibigo byose byubahiriza ihame ry'uburinganire, harimo ibigo bya Leta, ibigo byigenga n'imiryango iharanira inyungu rusange z'abaturage ku nzego zose;
3. Gushyiraho ingamba zigamije kugenzura niba inzitizi, ibyifuzo n'amahirwe y'abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa byaritaweho muri gahunda zo kurwanya ubukene, ariko cyane cyane hibandwa ku bagore bo mu cyaro;
4. Gushyiraho uburyo bwo kongera umubare w'abagore n'abagabo bajya mu nzego zifata ibyemezo kandi bakongererwa ubushobozi haba ku rwego rw'igihugu no mu nzego z'ibanze;
5. Gukangurira abagore n'abagabo uburenganzira bwabo, n'amategeko ariho ateza imbere uburinganire no gukangurira abagore bakajyana ibirego byabo mu nkiko, aho bibaye ngombwa bagashakirwa abunganizi mu by'amategeko;

6. Kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina hibandwa ku mpamvu zitandukanye ziritera. Uruhare rw'abagabo muri iki kibazo rugomba kugaragara;
7. Gusakaza no gukurikirana ko amategeko ahana akanakumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina akurikizwa, n'amategeko akigaragaramo ivangura rikorerwa abagore akavugururwa;
8. Gushyiraho ingamba zigamije guteza imbere uburinganire mu byiciro by'abatishoboye, bakagira ubushobozi n'ubumenyi bwababahesha kugira icyo bimarira;
9. Korohereza abaturage kugera kuri sevisi z'ubuzima, hashyirwa mu bikorwa gahunda zijyanye n'ubuzima nk'ubwo kuboneza urubyaro, ubuzima bw'imyororokere, gahunda zo kurwanya SIDA, n'abagabo bakarushaho kubigiramo uruhare;
10. Gushyiraho ingamba zo kurwanya imigenzereze ishingiye ku mibereho, umuco n'ubukungu ituma abari n'abategarugori batiga kugera ku byiciro byose, cyane cyane mu byiciro byihariwe n'igitsina gabo;
11. Gushyiraho ingamba zorohereza abakobwa n'abagore gutsinda no kurangiriza mu mashuri ya Leta mu byiciro byose;
12. Gushyiraho ingamba zigamije kuvugurura ubuhinzi bugahinduka ubuhinzi bushingiye ku bucuruzi, abahinzi cyane cyane b'abagore bagahabwa ubushobozi, ubuhanga n'ubumenyi bongera bakanatunganya umusaruro wabo;
13. Korohereza abaturage mu byo gutwara abantu n'ibintu, cyane cyane abagore no gushakisha ingamba zatuma bagezwaho ingufu z'umuriro kugira ngo baruhuke imvune ziterwa no kudakoresha izo ngufu;

14. Gushyigikira ibikorwa byose by'abikorera bigamije kwegereza ikoranabuhanga abaturage, cyane cyane abagore bo mu cyaro;
15. Gushyiraho no kugenzura niba abagore n'abagabo bagira uruhare rumwe mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije no gufata neza ubutaka n'ibibukomokaho, kumenyekanisha itegeko ry'ubutaka no gukurikirana ko ryubahirizwa;
16. Korohereza abagore n'abagabo kubona amazi meza, bakabigiramo uruhare rungana mu kuyagiraho ijambo no kuyafata neza, hakongerwa n'ibikorwa by'isuku mu mijyi no mu byaro;
17. Gushyiraho ingamba zikuraho imipaka ibuza abagore kugira ijambo ku mitungo ibyara inyungu nk'ubucuruzi, inganda n'ikoranabuhanga kugira ngo bashobore kugaragara mu bikorera;
18. Gushyiraho no gushyigikira ingamba zo guha akazi abagore mu myanya yo hejuru mu nzego zose, haba muri Leta, abikorera n'imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta;
19. Gufasha no gushyigikira gahunda zigamije kongerera ubushobozi n'uruhare abari n'abategarugori, bakabona imirimo ihemba neza cyane cyane iya tekiniki;
20. Gushyiraho uburyo bunoze kandi buhurijwe hamwe mu ihererekanyamakuru riha urubuga abaturage mu biganiro ku buringanire; imiryango iharanira inyungu rusange ikabigiramo uruhare;
21. Gushyiraho uburyo bunoze bwo kugenzura no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'impinduka ku buzima bw'abenegihugu;
22. Gufata ingamba zigamije gushishikariza abagabo kugira uruhare mu kugaragaza ibibazo by'uburinganire mu nzego zose, haba muri Leta, abikorera n'imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta.

## IV. GAHUNDA YO GUSHYIRA MU BIKORWA POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBURINGANIRE

Hari gahunda mu nzego zinyuranye zigamije kurwanya ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo n'uburenganzira bw'umugore. Politiki y'igihugu y'uburinganire igamije gushyigikira izi gahunda no kuzagura, by'umwihariko mu kuzisuzuma no kuzigenzura no gukangurira inzego zinyuranye mu guteza imbere imishinga izishamikiyeho.

Iyi politiki izunganira gahunda zifite umwihariko ku iyimakazwa ry'ihame ry'uburinganire. Gahunda z'ingenzi zigomba gushyirwaho byihutirwa kugira ngo iterambere ry'uburinganire ryihute.

Gahunda z'ibikorwa zatoranijwe hakurikijwe ibyagaragajwe na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ifatanyije n'abafatanyabikorwa ndetse n'ibyagaragajwe mu Nyandiko ya Gahunda y'Igihugu Mbaturabukungu. Inzira ya kabiri mu gusobanura gahunda, yakurikije ibyabonetse mu biganiro-bazwa by'abaturage, hanagaragazwa inzitizi n'icyakorwa mu guteza imbere uburinganire 'uburenganzira bw'abagore mu Rwanda. Gahunda zigizwe n'ibyiciro bitandukanye bifite intego zikurikira:

## *4.1. GAHUNDA Y'IYIMAKAZWA RYA POLITIKI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UBUSHOBOZI BY'INZEGO MURI POLITIKI Y'UBURINGANIRE*

### 4.1.1. Kumenyekanisha uburinganire

Gushimangira ko politiki y'uburinganire imenyekana mu nzego nkuru z'igihugu zifata ibyemezo, mu kuzishyira mu bikorwa no mu baturage.

### 4.1.2. Amahugurwa mu isesengura ry'uburinganire n'igenamigmbi

Gushimangira ko amahugurwa ku isesengura ry'uburinganire n'igenamigambi yakorwa mu nzego za Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta hagamijwe kugira ngo iyi politiki yinjizwe muri Politiki zose, muri gahunda n'imishinga ku nzego zose.

### 4.1.3. Gutanga ibikoresho bya ngombwa mu nzego zinyuranye kugira ngo ihame ry'uburinganire rigerweho

4.1.3.1. Kugenzura niba inzego bwite za Leta, abikorera ku giti cyabo n'imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta ifite ibikoresho fatizo byazifasha gushyira muri gahunda yazo iterambere ry'uburinganire. Ibyo birimo politiki, ingamba n'imirongo ngenderwaho.

4.1.3.2. Kugenzura niba ihame ry'uburinganire ryinjizwa mu igenamigambi, cyane cyane mu ngengo y'imari.

## 4.2. UBUKUNGU BUSHINGIYE KU GUHANGA IMIRIMO, ITERAMBERE N'AMASOKO

### 4.2.1 Kwihaza mu biribwa

4.2.1.1. Gufasha abagore n'abagabo kwongera umusaruro w'ubuhinzi kugira ngo bihaze mu biribwa;

4.2.1.2. Kugenzura niba abagore n'abagabo bafite ubushobozi mu gufata neza no guhunika ibiribwa bateganyiriza ejo hazaza;

4.2.1.3. Kugenzura niba abagore n'abagabo bafite ibyangombwa by'ibanze bibafasha mu gusaranganya umusaruro.

### 4.2.2 Inzira zo kugemurira amasoko

4.2.2.1. Kugenzura niba abagore n'abagabo bafite ubumenyi buhagije bw'amasoko

4.2.2.2. Gufasha abagore n'abagabo kugera ku masoko biciye mu kuborohereza mu gutwara abantu n'ibintu no mu itumanaho.

4.2.2.3. Gufasha abagore n'abagabo mu gupiganwa ku masoko bibanda cyane ku nyongeragaciro n'ubuziranenge;

4.2.2.4. Kugenzura niba umusaruro w'abagore n'abagabo b'abahinzi utangirika

### 4.2.3. Gushora imari mu gutunganya umusaruro w'ubuhinzi

4.2.3.1. Kugenzura ubwiyongere bw'inguzanyo mu buhinzi ku bagore n'abagabo

4.2.3.2. Kongerera ubushobozi abagore n'abagabo mu kugena no gucunga neza ibikorwa byo gutunganya umusaruro ugenewe amasoko;

4.2.3.3. Kwongerera amakoperative y'ubuhinzi y'abagore n'abagabo aharanira inyungu zabo;

4.2.3.4. Kugenzura niba amategeko n'amabwiriza y'iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire yubahirizwa mu bigo by'imari iciriritse

**4.2.4 Kuzamura ubukungu bw'abagore bo mu cyaro**

4.2.4.1. Gushyigikira no kuzamura ubumenyi mu gutegura imishinga ibyara inyungu y'abagore bo mu cyaro;

4.2.4.2. Kugenzura niba umusaruro w'abagore bo mu cyaro uhabwa agaciro;

4.2.4.3. Guteza imbere ubufatanye hagati y'inzego za Leta n'abikorera ku giti cyabo, hagamijwe gushakira isoko umusaruro w'abagore bo mu cyaro;

4.2.4.4. Gushishikariza abagore kwibanda ku musaruro ugurishwa mu mahanga;

4.2.4.5. Gushishikariza abagore bo mu cyaro kwitabira no kubona inyungu mu bukerarugendo n'ibibushamikiyeho;

4.2.4.6. Guhugura no gushishikariza abagore gutegura no kubyaza umusaruro impu, ku rwego mpuzamahanga kugira ngo zishakirwe amasoko.

**4.2.5 Kudasesagura**

4.2.5.1. Kugabanya ku buryo bugaragara umubare w'abagore basesagura umusaruro wabo, bahabwa amahugurwa, bigishwa no kuwongerera agaciro. Abagore bahuguwe bashobora gushora imari mu mishinga ibyara inyungu binyuze mu koroherezwa kubona inguzanyo n'ahandi hose hava amafaranga.

## *4.3. UBUZIMA N'IMYIYONGERE Y'ABATURAGE*

### 4.3.1 Kuringaniza urubyaro

4.3.1.1. Kugenzura niba abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa bahabwa inyigisho ziboneye ku buzima bw'imyororokere;

4.3.1.2. Kugenzura niba itangwa rya servisi z'ubuzima bw'imyororokere rikurikiza politiki y'uburinganire kandi zigera ku bagore n'abagabo ku buryo bworoshye.

4.3.2. Imiterere ya servisi z'ubuzima mu cyaro n'ibizishamikiyeho

4.3.2.1. Kugenzura niba abagore n'abagabo bagezwaho ku buryo bungana inyigisho ku gakoko gatera SIDA, mu bijyanye no kuyirinda, kuyivuza no kwita ku babana n'ako gakoko, bibanda cyane cyane ku bagore;

4.3.2.2. Kwegereza abagore n'abagabo servisi z'ubuzima no kugenzura ubusobozi bw'abaganga, ibikoresho n'imiti bihagije.

## *4.4. UBUREZI N'AMASHURI Y'IMYUGA*

### 4.4.1 Gushinga amashuri n'ibigo byigisha imyuga

4.4.1.1. Kugenzura niba uburinganire bwinjizwa mu mashuri y'imyuga kandi bwubahirizwa.

### 4.4.2. Kuzamura imyigire n'imyigishirize mu mashuri asanzwe

4.4.2.1. Kugenzura niba amategeko na politiki bifasha ku buryo bungana abagore n'abagabo mu myigire n'imitsindire mu byiciro byose by'amashuri;

4.4.2.2. Gufasha, gushyigikira no gushyiraho ingamba z'iyubahirizwa ry'uburinganire mu kunoza imyigire y'abanyeshuri;

4.4.2.3. Gushyiraho gahunda y'ingoboka ku bagore bacikishirije hagati amashuri yisumbuye

4.4.2.4. Kugenzura niba umubare w'abagore biga mu mashami y'ubumenyi n'ikoranabuhanga wiyongera mu byiciro byose by'amashuri.

### 4.4.3. Guteza imbere uburezi budasanzwe

4.4.3.1. Gufasha no gushyigikira uburezi bw'abagore n'abagabo bakuze;

4.4.3.2. Kugenzura Politiki y'uburinganire yinjizwa mu mfashanyigisho zagenewe abantu bakuru.

## *4.5. IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA*

### 4.5.1. Uruhare mu gufata ibyemezo

4.5.1.1. Kugenzura niba uburinganire bwubahirizwa kandi abagore n'abagabo, abakobwa n'abahngu bagira uruhare rungana mu myanya ifatirwamo ibyemezo ku nzego zose

### 4.5.2. Uburenganzira bwa muntu n'ubuyobozi bugendera ku mategeko

4.5.2.1. Kugenzura niba uburenganzira bw'abagore bwitabwaho nk'uburenganzira bwa muntu kandi bugashyirwa mu bikorwa;

4.5.2.2. Gushyiraho gahunda yo kwigisha no gusobanurira abaturage amategeko no kumenya niba amategeko aca ivangura ashyirwa mu bikorwa;

4.5.2.3. Gufasha no gushyigikira ivugururwa ry'amategeko ashingiye ku ivangura ry'igitsina no kumenya niba abagabo n'abagore bafite uburenganzira bungana;

4.5.2.4. Kugenzura niba amategeko ariho ashyirwa mu bikorwa kandi yibanda mu kurengera abagore;

4.5.2.5. Kugenzura niba harafashwe ibyemezo n'ingamba bikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina bikanafasha abarikorewe;

### 4.5.3. Ubumwe n'ubwiyunge

4.5.3.1. Kugenzura niba abagore n'abagabo bagira uruhare rungana mu gukumira amakimbirane, kwimakaza umuco w'amahoro no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.

### 4.5.4. Gucunga neza umutungo wa Leta

4.5.4.1. Kugenzura niba abagore n'abagabo bagira uruhare rungana mu gushyiraho Politiki, igenamigambi, ishyirwa mu bikorwa n'igenzurwa ry'iterambere rya gahunda za Leta;

4.5.4.2. Gufasha itegurwa ry'ingengo y'imari ishingiye ku ihame ry'uburinganire mu nzego bwite za Leta no mu nzego z'ibanze;

4.5.4.3. Kugenzura niba inzego za Leta zikora neza kandi zishingiye mu gukorera mu mucyo kandi zubahiriza politiki y'uburinganire.

**4.5.5. Kwegereza abaturage ubuyobozi n'uruhare babugiramo**

4.5.5.1. Gushishikariza abagore n'abagabo kwitabira kujya mu nzego zifata ibyemezo ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagali, byibuze kugera kuri 30%;

4.5.5.2. Gushishikariza abagore kwigirira icyizere.

## *4.6. KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE NO GUFATA NEZA UBUTAKA*

**4.6.1. Kubungabunga ibidukikije**

4.6.1.1. Gufasha no gushyigikira uruhare rw'abagore n'abagabo mu kurengera no kubungabunga ibidukkije.

**4.6.2. Gufata neza ubutaka**

4.6.2.1. Gufasha ishyirwaho rya za servisi zikurikirana ubutaka zubahiriza ihame ry'uburinganire kandi zibereye bose;

4.6.2.2. Kugenzura niba uburenganzira ku butaka burengera abenegihugu bose, abagore n'abagabo bo mu byiciro byose bwarashyizweho kandi kandi bwubahirizwa;

4.6.2.3. Gufasha no gushyigikira igenamigambi mu gucunga no gukoresha neza ubutaka hagamijwe kububyaza umusaruro;

4.6.2.4. Kwongera umubare w'abagore b'inzobere mu kurengera no kubungabunga ibidukikije.

### *4.7. KONGERERA UBUSHOBOZI ABATISHOBOYE*

#### 4.7.1. Kongera ubushobozi mu by'ubukungu

4.7.1.1 Kugenzura niba abagore n'abagabo batishoboye bafite uburenganzira bungana mu kubona inyongeramusaruro na servisi z'ubuhinzi;

4.7.1.2. Gufasha abagore n'abagabo kugira uruhare n'inyungu bingana mu kubungabunga ubutaka n'ibindi bikorwa bigamije kubongerera ubukungu;

4.7.1.3. Guhugura abagore n'abagabo batishoboye no kubaha ibikoresho kugira ngo bifashe kwiteza imbere mu bukungu.

4.7.1.4. Gushyiraho inzego zita kubaturage batishoboye

#### 4.7.2. Kurengera abaturage

4.7.2.1 Kugenzura niba Guverinoma n'inzego z'ibanze zigena ingengo y'imari ishinzwe kurengera abaturage batishoboye;

4.7.2.2 Gushyiraho ingamba zifatika zo kurwanya inzara mu ngo z'abagore n'abagabo, kugira ngo bihaze mu biribwa no kugenzura niba izi ngamba zishyirwa mu bikorwa;

4.7.2.3. Kugenzura niba ingamba z'iyubahirizwa ry'uburinganire zirimo gushyirwaho mu gutegura uburyo bwo guhangana n'ibiza; urugero nk'imyuzure, iruka ry'ibirunga, amapfa, ihunga-itahuka ry'impunzi n'abakuwe mu byabo.

## *4.8. URWEGO RW'ABIKORERA*

### 4.8.1. Imyanya y'abagore mu bigo bikuru by'imari

4.8.1.1. Gushyiraho uburyo bufatika bwatuma umubare w'abagore wiyongera mu bucuruzi bwo gutumiza no kohereza ibintu mu mahanga, mu mabanki, mu masosiyete y'ubwishingizi, bakanagira ijambo mu nzego zifata ibyemezo mu rugaga rw'abikorera ku giti cyabo muri rusange;

4.8.1.2. Gushishikariza abagore kwitabira amahirwe y'ubucuruzi, kujya mu myanya ikomeye.

### 4.8.2. Guha akazi abagore

4.8.2.1. Kugenzura niba amabwiriza agamije korohereza abagore kujya mu myanya ifata ibyemezo yubahirizwa mu nzego zose;

4.8.2.2. Gushyiraho no gukurikiza amategeko akumira ivangura mu rwego rw'umurimo;

4.8.2.3. Kugenzura niba amabwiriza yorohereza abagore kwinjira mu mirimo ya tekiniki yubahirizwa.

## *4.9. AMAZI N'ISUKU*

4.9.1. Kwegereza amazi meza ingo, mu mijyi no mu byaro kugira ngo umuruho w'abagore wo kuvoma ugabanuke;

4.9.2. Gushyigikira ubufatanye bw'abagore n'abagabo mu gucunga neza ibikorwa remezo by'amazi n'isuku.

## 4.10. IBIKORWA REMEZO

### 4.10.1. Ingufu z'umuriro

4.10.1.1. Gukangurira abaturage kongera uruhare rw'abagabo mu gushaka inkwi zo guteka n'ahandi hava ingufu z'umuriro zikoreshwa mu rugo;
4.10.1.2. Kugenzura niba abagore n'abagabo bagira uruhare muri gahunda zo guteza imbere uburyo bwo gukoresha ingufu z'umuriro zishobora gukoreshwa kenshi;
4.10.1.3. Kugenzura niba, ingo zo mu cyaro zarahuguwe ku gukoresha amashyiga ya kijyambere, bakanoroherezwa kuyabona;
4.10.1.4. Kugenzura niba umubare w'ingo zikoresha inkwi n'amakara ugenda ugabanuka.

### 4.10.2. Gutwara abantu n'ibintu

4.10.2.1. Kugenzura niba imihanda n'amayira bitezwa imbere kugira ngo byorohereze ababikoresha (ahanini bagizwe n'abagore) bibafasha kwegera servisi z'ibanze;
4.10.2.2. Gushyiraho gahunda ihendutse iterwa inkunga na Leta kandi yubahriza ihame ry'uburinganire mu gutwara abantu 'ibintu;
4.10.2.3. Kugenzura niba inzego za Leta zitandukanye zishyira ubwiherero bw'abagore n'abagabo ahantu hose hahurira abantu benshi no ku mihanda mikuru.

### 4.10.3. Ikoranabuhanga

4.10.3.1. Korohereza abantu gukoresha ikoranabuhanga mu mijyi no mu byaro, bakibanda ku bagore bigishwa uko bashakashaka amakuru cyane cyane kuri interineti;

4.10.3.2. Gushishikariza abagore kwitabira ihererekanyamakuru no kubongerera igihe cyo kwidagadura bityo banakurweho inshingano z'imirimo bagenewe n'umuco.

## V. INZEGO ZISHINZWE GUSHYIRA POLITIKI MU BIKORWA

Tumenye ko ibibazo byo kwinjiza ihame ry'uburinganire mu nzeg zitandukante, ari akazi gakomeye gasaba uruhare rwa buri wese, cyane cyane mu mpinduka z'iterambere ry'u Rwanda.

Kwesa uyu muhigo, bizaturuka ku bwitange no kuzuza inshingano kwa buri mufatanyabikorwa. Kugira ngo iyi gahunda ishyirwe mu bikorwa, Guverinoma yerekanye uruhare rwa buri rwego, inashyiraho imirongo migari y'ihuzabikorwa, isesengura n'isuzuma rya politiki y'igihugu y'uburinganire nkuko bigaragara ahakurikiyeho.

### *5.1. Abafatanyabikorwa b'ibanze*

Iyi politiki izashyirwa mu bikorwa n'abafatanyabikorwa b'ingenzi. Inyandiko y'iteganyamigambi/iIshyirwamubikorwa yashyizweho, yerekana ibizakorwa na buri rwego.

### 5.1.1. Perezidansi ya Repubulika

Binyuze mu mashami ashinzwe igenamigambi rikomeye, ibiro bya Perezida wa Repubulika byiyemeje:

- Kugira uburinganire n'iterambere gahunda yihutirwa mu rwego rw'igihugu;
- Gushishikariza abaterankunga gufasha Guverinoma gukemura ibibazo bijyanye n'iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire;
- Kugenzura niba iyinjizwa ry'ihame ry'uburinganire muri politiki na gahunda za Minisiteri zitandukanye, mu bikorera ku giti cyabo no mu miryango itegamiye kuri Leta.

### 5.1.2. Ibiro bya Minisitiri w'Intebe

Nkuko biteganywa mu nshingano zayo, Minisiteri y'intebe ihuza ibikorwa by'inzego zose za Leta, ikaba izaha za Minisiteri imirongo ngenderwaho hamwe n'amabwiriza yinjiza ihame ry'uburinganire muri politiki na gahunda yazo.

### 5.1.3. Minisiteri ifite uburinganire mu nshingano zayo

Nk'urwego rukuriye iyubahirizwa ry'uburinganire muri gahunda z'iterambere ry'igihugu, iyi Minisiteri niyo ifite inshingano zo kuyobora ishyirwa mu bikorwa bya politiki y'igihugu y'uburinganire binyuze mu:

- Kuyobora ishyirwa mu bikorwa bya politiki y'igihugu y'uburinganire
- Kuba umuvugii mukuru w'iyinjizwa ry'ihame ry'uburinganire mu nzego zose

- Gusobanura no kumenyekanisha politiki y'igihugu y'uburinganire ku nzego zose, mu Rwanda no mu mahanga
- Kuyobora ibikorwa byo gusobanura no kumenyekanisha politiki y'igihugu y'uburinganire
- Gushakisha inkunga zo gushyira mu bikorwa gahunda z'iterambere ry'uburinganire
- Kuba umuvugizi n'umuhuza mu nzego zose, mu Rwanda, mu Karere u Rwanda ruherereyemo no ku isi.

### 5.1.4. Urwego rw'iIgihugu rishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire (GMO)

Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire, ni urwego ruteganywa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 183, inshingano yarwo ikaba ari ukugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire.

Kugira ngo uru rwego rugenzure iterambere ry'ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'uburinganire rugomba:

- Gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu kwesa imihigo mu buringanire; gushyiraho n'uburyo bw'igenzuran'isuzuma;
- Gushyiraho uburyo bwo gukusanya imibare n'amakuru yerekeye uburinganire;
- Gushyiraho ingamba n'imirongo ngenderwaho ry'iyinjizwa ry'ihame ry'uburinganire mu nzego zose z'iterambere;
- Gikoresha inyigo n'amasuzuma buri gihe ku byagezweho mu iterambere ry'uburinganire, rukayashyira ahagaragara
- Gukora igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburinganire;

- Gushyiraho umurongo ngenderwaho ku nyadiko-nyigo z'abafatanyabikorwa batandukanye
- Gutanga ubushobozi bw'inzego n'abaturage ku ihame ry'uburinganire;
- Gusaba ibisobanuro inzego zose ku birebana na raporo zazo;
- Kumenyekanisha ibikorwa by'indashyikirwa bigomba gusakazwa cyangwa kwigirwaho.

**5.1.5. Inama y'igihugu y'abagore**

Inama y'igihugu y'abagore ni urubuga ruha ubushobozi n'uruhare abakobwa n'abagore mu iterambere ry'igihugu. Inshingano zayo akaba ari:

- Ubuvugizi ku burenganzira bw'abagore n'uburinganire;
- Gukangurira abagore kugira uruhare mu bikorwa bitandukanye by'iterambere
- Kwongerera ubushobozi abagore n'abakobwa

**5.1.6. Ihuriro ry'igihugu ry'ihame ry'uburinganire**

Ihuriro ry'igihugu ry'uburinganire, ni urubuga ruhuza Guverinoma y'u Rwanda n'abaterankunga, abikorera ku giti cyabo n'imiryango itegamiye kuri Leta, bahura bakaganira ku igenamigambi, ihuzabikorwa no guhitamo gahunda zihutirwa z'iterambere ry'uburinganire. Intego z'iri huriro ni ukunoza ubufatanye n'ihuzabikorwa mu iterambere ry'uburinganire, bamenyeshanya ibyo bakora, bungurana ibitekerezo bishya, berekana ibitaragenze neza, bakanakorera ubuvugizi inzego zitandukanye ziri hirya no hino mu gihugu.

### 5.1.7. Minisiteri y'imari n'igenamigambi

Nka Minisiteri ifite mu nshingano igenamigambi n'icunga ry'ubukungu bw'u Rwanda, izagira uruhare mu kugenzura uko ingengo y'imari ya Leta ikoreshwa muri gahunda zayo, harimo n'intego za Politiki y'uburinganire. Izakora ibi bikurikira:

- Kwinjiza uburinganire mu igenamigambi no mu isuzuma rya politiki;
- Guhuza ibikorwa by'ingengo y'imari ishingiye ku ihame ry'uburinganire no kugenzura niba ingengo z'imari zateganyijwe zihagije;
- Gushyiraho umurongo ngenderwaho mu gutegura ingengo y'imari ya za Minisiteri n'Uturere kugira ngo zibe zijyanye n'ibipimo nyabyo by'uburinganire;
- Gushyiraho umurongo ngenderwaho wo kugenzura niba uburinganire bushyirwa mu mikorere n'imishinga y' Ikigo gishinzwe ishoramari imbere no hanze y'igihugu (CEPEX);
- Gufatanya na Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango, Urwego rw'igihug rusinzwe igenzura ry'uburinganire n'abandi bafatanyabikorwa mu gushyiraho ibipimo byo kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbaturabukungu (EDPRS);

### 5.1.8. Imboni z'ihame ry'uburinganire (GFPs)

Mu ntangiriro, inshingano zo kugezura, ikurikizwa n'iyubahirizwa rya politiki y'igihugu y'uburinganire zizakenera gushingwa abakozi ku rwego rwa Minisiteri n'Akarere. Inzego zose zizasabwa gushyiraho Abayobozi bashinzwe igenamigambi nk'imboni z'iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire,

bashyirweho n'iteka rya Minisitiri w'intebe nk'abakozi bashinzwe iterambere ry'uburinganire.

Uru rwego ruzagenda ruvugururwa uko iminsi izagenda yigira imbere hashyirweho n'amabwiriza azatuma rugera ku nshingano zarwo. Imboni z'iyubahirizwa ry'uburinganire zizaba zishinzwe:

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'igihugu y'uburinganire mu rwego cyangwa ikigo arimo;
- Gukora ubuvugizi ku mibare ishingiye ku gitsina n'amakuru ku iterambere ry'uburinganire mu rwego cyangwa ikigo abarizwamo;
- Kugenzura niba politiki, gahunda n'ingengo y'imari z'ibigo n'inzego zabo byubahiriza ihame ry'uburinganire;
- Kwerekana ibikenewe mu iyubahirizwa ry'uburinganire mu kigo cyangwa urwego abarizwamo.

### 5.1.9. Ihuriro ry'abanyarwandakazi bo mu nteko ishinga amategeko (FFRP)

Nkuko biri mu shingano zaryo, Ihuriro ry'abanyarwandakazi bo mu nteko ishinga amategeko bazakora:

- Gukora ubuvugizi buhoraho mu nzego zifata ibyemezo;
- Gukora ubuvugizi ku iyubahirizwa ry'uburinganire mu nteko ishinga amategeko, muri za Minisiteri n'ibindi bigo bishamikiye kuri Leta.

### 5.1.10. Inzego z'ibanze

Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango, izafatanya na Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu n'imiyoborere myiza (MINALOC) mu guhuza ibikorwa n'imishinga y'iterambere ry'uburinganire ku rwego rw'Akarere n'Umurenge. Bijyanye n'ivugurura ry'inzego z'ibanze, ishami rishinzwe guteza imbere uburinganire rizaba rishinzwe:

- Kugenzura niba ibibazo by'uburinganire byarinjijwe mu ngengo y'imari ya gahunda y'iterambere ry'Akarere;
- Gusuzuma no gufasha mu ishyirwa mu bikorwa politiki y'uburinganire mu rwego rw'Akarere;
- Gutegura no kwemeza ingengo y'imari igenewe gahunda y'iterambere ry'uburinganire no kugenzura iyubahirizwa ryayo mu iterambere ry'Akarere.

### 5.1.11. Minisiteri

Uruhare rwa za Minisiteri ruzaba:

- Buri Minisiteri izerekana politiki zayo mu gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu y'uburinganire;
- Ishyireho ubryo bw'igenzura n'isuzuma bwerekana ibikorwa bijyanye n'uburinganire;
- Kubaka ubushobozi n'ubumenyi ku ihame ry'uburinganire mu bakozi bayo.

### 5.1.12. Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa muntu

Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa muntu izakora ibi bikurikira:

- Gushinga inzego zo kugenzura uburenganzira bwa muntu mu bijyanye n'uburinganire ifatanyije nUrwego rw'igihugu rushinzwe iyubahirizwa ry'uburinganire n'abandi bafatanyabikorwa;
- Komisiyo y'uburenganzira bwa muntu izashyiraho ngamba zo gukangurira abaturage uburenganzira bw'umugore nk'ubundi burenganzira bwose bwa muntu, kandi bugakurikizwa na bose.

### 5.1.13. Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge

Uhereye ku mateka y'u Rwanda, ubumwe n'ubwiyunge ni umusingi ukomeye mu gukumra amakimbirane hagamijwe iterambere rirambye. Niyo mpamvu Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge izaharanira kurwanya ikibazo cy'ivangura rishingiye ku gitsina n'ubundi bwoko bwose bw'ivangura, ikabishyira muri gahunda z'ibikorwa n'ingamba zayo.

### 5.1.14. Komisiyo y'igihugu yo kurwanya SIDA

Ifatanyije na MIGEPROF n'izindi nzego bireba, Komisiyo yo kurwanya SIDA izagenzura ibibazo birebana n'uburinganire n'icyorezo cya SIDA (mu mpande zacyo zose) ibyinjize muri politiki, gahunda n'ingengo y'imari byayo.

### 5.1.15. Amashuri makuru na za Kaminuza

Inshingano zazo ni:

- Ubushakashatsi n'ihererekanyamakuru;
- Gutanga amahugurwa (y'igihe gito n'igihe kirekire) ku nyigo zirebana n'uburinganire;
- Kwandika ibitabo by'ibikorwa by'indashyikirwa mu iterambere ry'uburinganire.

### 5.1.16. Imiryango itegamiye kuri Leta

Imiryango itegamiye kuri Leta izaba ishinzwe:

- Gushaka ubushobozi bwo gushyira politiki mu bikorwa ;
- Gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu y'uburinganire ;
- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'igihugu y'uburinganire;
- Gukora ubuvugizi;
- Kwaka ubusobanuro ku iyubahirizwa ry'ibipmo n'amahame yumvikanyweho;
- Kumenyekanisha ihame ry'uburinganire mu baturage;
- Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda z'indashykirwa zigamije kwimakaze ihame ry'uburinganire mu rwego rwo kugabanya imbogamizi zibangamira iterambere ry'uburinganire.

Ukurikije uruhare rw'abanyamadini mu buzima bw'Abanyarwandabavuga, ni ngombwa ko amadini afata iya mbere mu gushyigikira ihame ry'uburinganire no guha ubushobozi abagoren'abakobwa.

Amadini (FBOs) azakora:

- Gutegura no gutunganya ibiganiro byateza imbere bikanatuma uburinganire bwumvikana neza mu muryango no baturage;
- Gusobanurira abagore n'abagabo ibyiza by'iterambere ry'uburinganire;
- Gushyiraho ibikorwa bigamije guca ubusumbane bw'abagore n'abagabo mu baturage;

### 5.1.17. Abafatanyabikorwa mu iterambere

Imiryango y'abafatanyabikorwa n'Amashami y'Umuryango w'abibumbye:

- Kwongera ubufatanye n'imikoranire hagati yabo na Guverinoma y'u Rwanda mu guteza imbere uburinganire;
- Gutanga inkunga y'amafaranga na tekiniki mu gushyira mu bikorwa, kugenzura no gusuzuma iterambere ry'uburinganire bafatanyije na Minisiteri ifite uburinganire mu nshingano zayo n'abandi bafatanyabikorwa.

### 5.1.18. Abikorera ku giti cyabo

Binyjijwe mu rugaga rw'abikorera ku giti cyabo bashinzwe:

- Guteza imbere imyumvire no gushimangira amahame ry'uburinganire;
- Gufasha no gutera inkunga ibikorwa byo guteza imbere imishinga na gahunda z'iterambere ry'uburinganire;
- Gufasha no gushyigikira itangwa ry'imirimo ku bagore n'abakobwa cyane cyane mu myanya ifatirwamo ibyemezo.

### *5.2. Igenzura n'isuzuma (M&E)*

Mu nzego zishinzwe gushyira mu bikorwa iterambere ry'uburinganire, harimo izishinzwe igenzura n'isuzuma. Inshingano nkuru yo kugenzura no gusuzuma, ni iy'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire (GMO). Isuzuma n'igenzura rya politiki y'igihugu y'uburinganire, izafasha ibikorwa gushingira ku bipimo ngenderwaho ku rwego rw'igihugu, urw'Akarere no ku rwego mpuzamahanga. Ibi bikorwa bizerekana ibyiza byagezweho n'impinduka z'izo gahunda.

Bizaba byiza ishyirwa mu bikorwa n'impinduka bya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire igenzurwa ikanasuzumwa neza. Amatsinda akurikira niyo ajya impaka ku ngingo zitabwaho mu isuzuma n'igenzura. Agizwe n'iryibaza ku nkingi y'ikigenzurwa, uburyo bwo kukigenzura n'inzira zizifashishwa.

#### 5.2.1. Inkingi y'ikigenzurwa

Isuzuma n'igenzura bya politiki y'igihugu y'uburinganire ishinzwe gukurikirana niba ihame ry'uburinganire ryarubahirijwe muri ibi bikurikira: Iyubahirizwa ry'amasezerano n'amategeko mpuzamahanga, Politiki y'inzego, za gahunda, imishinga n'ingengo y'imari, amategeko akurikizwa mu gihugu, igenamigambi ry'iterambere ry'Ururere, imihigo n'ubundi buryo buteganywa n'isuzuma n'igenzura.

### 5.2.2. Uburyo bw'igenzura

Kugira ngo habeho ikurikiranabikorwa rihoraho, biteganyijwe ko buri mwaka hasohoka inyandiko mvugo y'ibyagezweho muri politiki y'igihugu y'uburinganire.

Biteganyijwe ko hazajya hakorwa igenzura ry'ibikorwa bikurikije politiki y'igihugu y'uburinganire mu nzego zibishinzwe zashyizweho n'iyi Politiki. Buri mwaka, isuzumwa n'igenzura rya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire, rizajya risozwa n'inama yo mu rwego rw'igihugu, izajya itumirwamo inzego zose zirebwa n'uburinganire zigatangariza abanyarwanda ibyo zagezeho. Insanganyamatsiko y'iyo nama ikazajya ishingira ku mihigo n'ibipimo bivugwa mu ngamba z'igenamigambi n'imirongo ngenderwaho za politiki y'igihugu y'uburinganire.
Iyi nama ikazajya itumizwa n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire, rufatanyije na Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango.

Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire rutegura ingingo ngenderwaho mu igenzura no gukusanya amakuru mu nzego bwite za Leta, mu bikorera ku giti cyabo no mu miryango itegamiye kuri Leta.
Ibizajya biva mu igenzura n'ibyifuzo muri iyo nama ngaruka mwaka bizajya byifashishwa mu kuvugurura no guhuza n'igihe politiki y'igihugu y'uburinganire.
Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire ruzajya rumenyekanisha raporo y'ibipimo ngenderwaho byo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Uburinganire.

### 5.2.3. Inzira zifashishwa

Isuzuma n'igenzura bya politiki y'igihugu y'uburinganire, risaba inzira zitandukanye. Zimwe muri izo nzira ni: gushyira politiki y'igihugu y'uburinganire mu nyandiko ziri mu ndimi eshatu zemewe mu Rwanda (Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa), Kwongera ingufu mu guteza imbere uburinganire, guteza imbere inzira zo gusesengura uburinganire igahuzwa n'imibereho y'abanyarwanda, kongerera ubushobozi abagenerwabikorwa, gukora ubushakashatsi na za anketi ku ngingo zitera impaka zirebana n'uburinganire no kugena ibipimo ngenderwaho mu iterambere ry'uburinganire ku rwego rw'igihugu no ku nzego z'ibanze.

### *5.3. Gushakisha inkunga*

Gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu y'uburinganire bizasaba gushakisha amafaranga mu gihugu no mu mahanga, hashingiwe ku ntego z'iyi politiki. Ibi bikazakorwa ku bufatanye n'ubutwererane n'abaterankunga.

## IBITABO BYIFASHISHIJWE


1. Commission Nationale de Lutte contre le SIDA, Cadre stratégique national de lutte contre le SIDA 2002-2006, Kigali, 2002.
2. MIFOTRA, Five Year National Action Plan for Promoting Youth Employment, Kigali, 2005.
3. MIFOTRA, Politique Nationale de l'Emploi, 2005.
4. MIGEPROF, Profile of Gender in Rwanda, National Synthesis, Kigali, 2005.

5. MIGEPROF, National Gender Policy, Kigali, 2003.
6. MIGEPROF, Gender Profile 2005- 2007, Kigali, 2009.
7. MIGEPROF, Five years Gender Capacity Building, Kigali, 2007.
8. MIGEPROF-UNFPA, GBV Mapping Study in Rwanda, Kigali, 2007.
9. MINECOFIN, Vision 2020, Kigali, November 2002.
10. MINECOFIN, Indicateurs de développement au Rwanda 2003, Kigali, 2004.
11. MINECOFIN, Economic Development and Poverty Reduction Strategy, Kigali, 2007.
12. MINECOFIN, Independent Evaluation of Rwanda's Poverty Reduction Strategy, 2005.
13. MINALOC, National Decentralisation Policy, May 2000.
14. MINALOC Website, Districts Development Plans, 2007.
15. NEPAD Secretariat: Rwanda Country Self-assessment Report for the African Peer Review Mechanism, March 2005.
16. NISR, Preliminary Poverty Update Report: Integrated Living Conditions Survey 2005/06, Kigali, 2006.
17. NISR, Demographic and Health Survey, Kigali, 2005, MINALOC Website, Districts Development Plans, 2007.
18. NISR and World Food Program, Comprehensive Food Security and Vulnerability Analysis, Kigali, 2006.
19. RWANDA, Constitution du 04 juin 2003, Kigali, 2003.
20. Rwanda HIV/AIDS National Control Commission (CNLS) Report, 2005.
21. UNDP, National Human Development Report, Rwanda, 2007.
22. USAID Rwanda Country Assistance Programme 2004.